

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ____________________

School: ____________________

Class: ____________ Year ____________

Subject: ____________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

Nom et prenom : TUMUKUNDE vénant.
Nom et prenom des parents :

— père : Migambakavandi Athanase.
— Mère : Mukarubama pauline.

Prefecture : GITARAMA
Commune : MASANGO
Secteur : NYAKOGO
cellule : BUHANDA.

Petit séminaire st Léon.

Subject : + Imibereho yanjye mu ntambara
+ Imibereho ya babyeyi banjye na barumuna banjye mu ntambara !
+ Imibereho y'ababyeyi banjye mu ntambara !

# Uko njyewe TUMUKUNDE Venant nabayeho mu ntambara

Imyaka n'imyaka yarashize imaze turumva kuri Radiyo ngo perezida (HABYARIMANA Juvenal) ngo yapfuye. Ubwo hatangiye indirimbo z'agahinda gusagusa.
Hashize iminsi mike ubwo kuri Radiyo batangira gufunga imihanda. Babuza taxi kugenda mu mihanda.

Ubwo mu bihe twumvaga (inkuru mbi) bavugagamo ibya Burende aribo tu bibwira ko bitabaho, ariko nyuma natwe (abantu bose) byaje kutugeraho ubwoko twe abatutsi kubo ntagikiye kuyikora wicwa!

Hashize nk'ibyumweru nka bitatu intambara iba irarose iwacu i Masango batangira kurya inka z'abatutsi bagasahura ibintu byose by'abatutsi ndetse bazengera abatutsi bandi baranabica.

Mu muryango wacu ibintu byatangiye guhomera maze twese turatatana.
Njyewe na basaza banjye ndetse na mukuru wanjye twagiye kurunga iwe kwa Inyansi. Twahamaze iminsi mike baraduhiga cyane ubwo njyewe mpita njya kuba nibihishe kwa Hagumana mba nk'umuboyi murugo iwe mbazagiye mukorera imirimo itoroshye ariko kubwiyo batambona.

Ubwo njyewe nakomeje kubona ko abahigi bahiga babuzabanjye aribenshi mpitamo kujya kwa Sogokuru (Se wa Mama) ari naho najyiriye ingorane z'umudaca, kandi ari ~~na~~ naho narokokeye.

Ubwo narahabaye iminsi itatu aroka umugabo yitwa Gahuga (ubu yarapfuye) akaza iya aza buroko aho naba ndi jye, na mubaru wanjye.

Nyuborame wanjye abonye ko bakomeje kumu higa atamiza umugabo wari afite umugore wa murumuna w'umugore we (uwo mugabo yitwaga Viateur, umugore we akitwa Bajoraza) Icyo gihe bari batuye ahitwa i SARUHESHYI nko mubirometero 50 uvuye aho nari naravukiye ubwo nibwo natandukanye na mubaru wanjye wigaga amashuri yitu mbuye bahita bamuhungeshiriza i SARUHESHYI ari naho yarokokeye.

Ubwo bakomeje kumpiga. abo bari baje buroko aho nabaga ni Gahuga, Kamonyo na Feredina. [ntabwo nzi niba bakiriho cyangwa barapfuye]. Bahasanze Sogokuru bara mubaza bati: «Ese iyi nyenzi turyijyane?» maze nawe arabasubiza ati: «Ntategeko ni ayanyu mubore icyo mushaka.» ubwo banze kunjyana ari umubantu benshi cyane maze ntibanjyana na bahita batahe bajya kubwira Eduwari uwo kwa Kanyoni n'undi musore ntamenye izina rye maze baza kunjyana.

Ubwo Gahuga na Kamonyo na Feredina bamaze kuva aho ngaho nsigara nakutse umutima ntekereza ko ntari burare ndi muzima.

Ubwo ngiyo Eduwari ni uwo musore nta menye izina baranjyana batwaye amagupu muntoki nk'utwaye Abajura. Ubwo twara komeje turagenda tugana inzira igana

ku iyobo gitegerje abapfu! twaragenda, ariko mu bugenge bwacu rugendo Eduwari yari afite impiri iteye ubwoba. Ubwo twagaragaje maze Eduwari abona abandi bana b'agatutsi nabo bitwa valensi wokwa segatarama. Baramwirukankanye ndetse n'imijugujugu y'impiri bare mufata bamububita impiri mu mugongo babangije bica imigozi ikomeye baraduhambira amaboko inyuma y'umu gongo barangije baratuzirikanya ngo tudatandukana.

Ubwo twaragiye batubujije nabi tugiye bugera kurwobo [kabukuraba (50m)] ubwo mu mfungu Eduwari aratubaza ati: «ari iki ubutikiisha imbunda, gukubitwa, kujugunywa mu musarane, mwabitamo iki?»
Jyewe narasubije nti mpisemo izasu.
Undi mwana witwa Valensi arasubiza ngo: «Mumutadukubita mutujugunye muri twarete!!»

Ubwo twaragiye dufite akababaro kenshi ko tugiye kwicwa nabi maze tugeragezeza kwaka imbabazi ariko bose bariyangira kuzidaha ariko nyuma twaje kugira amahirwe tubona umugabo witwa Eroki adutangira amafaranga magana atanu (500 FRS) maze babona kuturekura.

Ubwo nahise nsubira kwa Sogokuru umutima wanshigutsemo. Narahageze haciye iminsi nk'itatu nyakororome anjyangisha aho mukuru wanjye yari yihishe kwa Viateur.

Ubwo twarahomeje tubana neza maze tubabeshya ko turi baramu ba Viateur!!

Tuba aho kwa viateur kugeza ubwo intambara irangiye tuza aho twavukiye ubwo ni njyewe n'uwo muhungu.

NGIYO IMIBEREHO YANJYE MU NTAMBARA

Tumukunde vénant

cellule: Buhanda
secteur: Nyabugo
Commune: Masango.
prefecture: GITARAMA.

ʒmibereho yabo tuva ʒnda ʒmwe.

---

+ Iya murumuna wanjye na mukuru wanjye Nkurikira.

yo ʒinʒi uko byabagendekeye ariko nagiye kumva kumva ngo barapfuye

+ ababyeyi banjye.

Intambara yabaye papa ari ikigali ariko ubu arakijariho na mama wanjye yahungiye murundi j'iwabo.

+ iya mukuru yo ʒinjiʒi uretse ko yapfuye

ubu Twasrokotse turi abana 3 mu bana 6.

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.